
# Bibiliya y'abana
irerekana



# Uwahoraga atoteza Abahamya yahindutse umubwiriza

yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: Janie Forest
Alastair Paterson


yahujwe na: Ruth Klassen

yahinduwe na: Dan Rinda

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2026 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru igihe cyose utagamije kugurisha.






Imana yakoze ibintu bikomeye binyuze ku bwoko bwayo mu itorero rya mbere. Umugabo umwe witwaga Filipo yari ahugiye mu kubwira abantu bo mu mujyi wari wuzuyemo abantu benshi ibya Yesu.

Ariko Imana yamwohereje mu butayu. Kuki?


Imana yari izi ko mu butayu hari hari umugenzi, umutware wari uyobowe n'Umwamikazi Kandake wa Etiyopiya. Yari mu nzira ajya imuhira, asoma igitabo cyihariye. Mbese, ushobora kumenya icyo icyo gitabo cyari cyo?
3
Igihe Filipo yumviraga Imana, Imana yamuyoboye mu
buryo butaziguye ku mutegetsi wasomaga Ijambo ry'Imana ariko ntarisobanukirwe. Yasabye Filipo ko bajyana.
4
"Ibyo bisobanura iki?" uwo mutware yabajije Filipo. Nuko Filipo atangira kumubwira ubutumwa bwiza bwa Yesu ahereye kuri ibyo Byanditswe.
5
Uwo mutegetsi wo muri Afurika yahise yemera ubutumwa bwo muri Bibiliya buvuga ko Yesu Kristo ari Umwana w'Imana. Yabonye amazi maze arabaza ati "ni iki kimbuza kubatizwa?"
6
Filipo aramusubiza ati "Niba wizeye n'umutima wawe wose, ushobora kubatizwa". Igihe uwo mutware yasubizaga ati "nizeye ko Yesu Kristo ari Umwana w'Imana", Filipo yamujyanye mu mazi maze aramubatiza.
7
Bamaze kuva mu mazi, Umwuka w'Imana ajyana Filipo, maze wa mutware w'Abanyafurika ntiyongera kumubona. Yasubiye muri Etiyopiya yishimye cyane!
8

Ariko kandi, hari abantu bamwe na bamwe bangaga Abakristo. Sitefano, umwe mu ncuti za Filipo, yari yarishwe n'abantu bari barakaye cyane bashakaga kumubuza kuvuga ibya Yesu. Umugabo witwaga Sawuli w'i Taruso yari yaragize uruhare mu kwica Sitefano. Sawuli yangaga Abakristo bose.




9

Sawuli, wari ukomeje gutera ubwoba Abakristo no kubica, yagiye ku Mutambyi Mukuru maze ahabwa inzandiko zimwemereraga gufata abagabo cyangwa abagore bakurikiraga Yesu.



10




Sawuli w'i Taruso w'umukene! Ntiyari azi ko iyo yababazaga ubwoko bw'Imana, mu by'ukuri yababazaga Umwami Yesu ubwe. Byabaye ngombwa ko Imana ihagarika Sawuli. Ariko se yari kubikora ate?

11

Imana "yafashe" Sawuli! Ubwo yari mu nzira ajya i Damasiko, umucyo mwinshi uturutse ku Mana uramugota. Sawuli yahise agwa hasi. Hanyuma yumvise ijwi.




12




"Uri nde Mwami wanjye?" Sawuli yaratakaga cyane. Yaramubwiye ati "ndi Yesu, uwo urenganya". Sawuli ahinda umushyitsi, aravuga ati "Mwami, urashaka ko nkora iki?" "Ariko haguruka ujye mu mudugudu, uzabwirwa ibyo ukwiriye gukora".


13

Abantu bari kumwe na Sawuli na bo bumvise ijwi, ariko ntibabona umuntu. Sawuli yarabyutse, maze ahita ahuma. Bamujyanye i Damasiko.




14



Mu mujyi, Sawuli yamaze iminsi itatu atabona, nta cyo arya nta n'icyo anywa. Wenda ashobora kuba yaramaze igihe asenga Umwami Yesu wari wamubonekeye mu nzira agana i Damasiko.
15


Imana yari yaragennye ibintu byose. I Damasiko hari umwigishwa witwaga Ananiya. Umwami yamwohereje gufasha Sawuli. Ananiya yagize ubwoba. Ariko yumviye Imana. Amaze kumurambikaho ibiganza, amaso ye arongera guhuma, maze yuzuzwa umwuka wera w'Imana.
16


Sawuli arabatizwa. Hanyuma ararya. Arangije kurya, asubira kugira imbaraga. Sawuli yari akeneye imbaraga. Yari afite ikintu cy'ingenzi cyane yagombaga gukora.
17


Sawuli ahita atangira kubwiriza ibya Kristo mu masinagogi ko ari Umwana w'Imana. Abamwumvaga bose baratangaraga, maze bakabaza bati "mbese uyu si wa muntu warimburaga Abakristo?" Hari n'abategetse kwica Sawuli.
18


Abanzi bashya ba Sawuli barinze amarembo y'umudugudu kugira ngo nigerageza gusohoka mu mudugudu bazamwice. Ariko Abakristo bari bamaze igihe gito babaye incuti ze, bamufashe nijoro bamumanurira ku rukuta rw'umugi bamushyize mu gitebo kinini.
19


Kuva icyo gihe, Sawuli watotezaga Abakristo, yabaye umwigishwa w'indahemuka wa Shebuja mushya, ari we Mwami Yesu Kristo.
20

Uwahoraga atoteza Abahamya yahindutse umubwiriza

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Ibyakozwe n'Intumwa 8-9

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130






58

60



Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16